REPUBULIKA Y'URWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA NGORORERO

E-mail: info@ngororero.gov.rw

# ITANGAZO RYONGERA GUHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUPIGANIRA KWEGURIRWA URUGANDA RW'IMYUMBATI RW'AKARERE KA NGORORERO

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Umwanzuro N°58 wo kuwa 17/10/2023 w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngororero; Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngororero buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza, ko bushaka kwegurira Abikorera Uruganda rw'imyumbati rw'Akarere ka Ngororero, ruherereye mu Mudugudu wa Kibingo, mu Kagali ka Rugogwe, Umurenge wa Muhororo, Akarere ka Ngororero, Intara y'Iburengerazuba; Ahubatse uruganda hafite **UPI :3/05/09/04/466**

**IBISABWA USHAKA KWEGURIRWA URUGANDA**

- ✓ Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere, isaba kwegurirwa Uruganda igaragaza amafaranga azishyura urwo ruganda
- ✓ Icyangombwa cya Koperative cyangwa Kampani ahagarariye
- ✓ Uburyo azabyaza umusaruro Uruganda (Azagaragaza imbanziriza mushinga w'uburyo azabyaza umusaruro uruganda)
- ✓ Icyangombwa kigaragaza ko yasuye Uruganda apiganira

**ICYITONDERWA**

1. Kuba usaba asanzwe akora umwuga ufitanye isano n'uruhererekane nyongeragaciro rw'ibikomoka k'ubuhinzi n'ubworozi byaba ari akarusho
2. Gusura Uruganda biteganijwe guhera tariki ya 17/06/2024 kugera tariki ya 21/06/2024

3. Ibaruwa isaba izohererezwa Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero igizwe n'ibaruwa imwe y'umwimerere na kopi ebyiri (2), amabaruwa azajya atangwa mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere ka Ngororero no kuri **Email: Info@ngororero.gv.rw**
4. Igihe ntarengwa cyo gutanga amabaruwa ni kuwa 28/06/2024 Saa kumi n'imwe (17h:00) za nimugoroba. Nyuma y'isaha ubusabe buzoherezwa ntibuzakirwa,
5. Ibiciro by'abapiganira kwegukana uru ruganda bizatangazwa kuwa 09/07/2024
6. Uzegurirwa Uruganda rw' imyumbati azishyura 15% by'igiciro azaba yatanze nyuma yo gukora declaration (binyuze ku rubuga rwa **Rwanda Revenue**) nyuma y'umunsi umwe akimara kubona ibaruwa y'uko yegukanye uruganda, asigaye akazayishyura mu gihe kitarenze iminsi 15 ibarwa uhereye igihe yishyuriye 15%.
7. Mu gihe uzaba yasabwe kwishyura atabyubahirije, hazafatwa uwamukurikiye mu biciro kandi 15% azaba yatanzwe ntazayasubizwa.
8. Kuba yiteguye gutangira imirimo nyuma yo kwegukana uruganda

Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri nimero zikurikira **0781991420/ 0788760671**

Bikorewe I Ngororero, kuwa 10/06/2024

**BAHIZI Emmanuel,**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Ngororero